

### **Urutonde rw'abacitse ku icumu bishwe.**

Hamwe n'iyi baruwa mbahaye urutonde rw'abacitse ku icumu bishwe n'incamake y'ibihe bigoye bijyanye n'impfu zabo. Mu by'ukuri uru rutonde rukubiyemo abantu bake cyane ugereranije n'umubare w'abamaze kuvutswa ubuzima. Ntabwo igihe cyadukundiye ngo dukusanye amazina n'amakuru yose. Abenshi mu bagize imiryango yabo bahitamo kwicecekerera kubera gutinya ingaruka. Ariko tuzagenda tubaha andi mazina uko hariye hagira izindi nzirakarengane zimenyekanye.

Muri aba bantu bakurikira harimo abarashwe, abanizwe, abatewe ibyuma n'abaciwe umutwe. Hari n'abanyerejwe baburirwa irengero kugeza magingo aya:

- **Mwiseneza Jean Paul** bakundaga kwita **Nyamata**: Bamuteye ibyuma banamuca umutwe kuwa 10 Kamena 2019. Umurambo bawusanze Kamatana, Bugesera.
- **Kanamugire Anicet**: Yishwe n'inkoni yakubiswe na polisi hagati yo kuwa 7 no kuwa 14 Mata 2019.
- **CSP Gashagaza Hubert**: Umurambo we wasanzwe mu modoka ye kuwa 17 Nzeri 2018 i Ndera. Yari yanizwe hifashishijwe imigozi yari imeze nk'iya televiziyo cyangwa mudasobwa.
- **Emmanuel** aka **Gasongo**: Ukomoka mu Bisesero ku Kibuye. Yiciwe i Kigali muri 2017.
- **Namahoro Jean Bosco**: Umusore w'imyaka 25. Yafashwe na Polisi ku itariki ya 19 Mata 2017 aregwa kuba yakomerekeje umu DASSO wamusenyeraga inzu. Yiciwe mu cyumba yari afungiyemo. Nyuma polisi yatangaje ko yarashwe ashaka gucika, gusa icyo batashoboye gusobanura ni ukuntu yarashwe amasasu mu gatuza no mu mutwe.
- **Iribagiza Christine**: Umurambo we bawusanze iwe mu rugo kuwa 13 Mata 2017 ku Kicukiro, i Kigali. Yapfuye anizwe.
- **Muyenzi Fidel Thadeyo**: Kuva yanyerezwa n'inzego zishinzwe umutekano kuwa 26 Ukuboza 2016, nta wongeye kumuca iryera. Ubwa nyuma yagaragaye kwa Mutangana, Nyabugogo, i Kigali.